

Ku miryango yo mu Ntara ya Fayette,

Tunejewe no kubamenyesha ibijyanye n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda izubahirizwa mu ifasi y'amashuri yose yitwa RESET. Iyi mpine yo mu Cyongereza isobanura ibi bikurikira biba byitezwe: Kongera kugarura umwuka mwiza hagamijwe kongera kwigisha umunyeshuri ibyo aba yitezweho n'ubumenyi yitezweho mu bijyanye n'imibanire n'abandi hamwe n'amarangamutima; Gushyiraho uburyo bwo gufasha umunyeshuri mu bijyanye n'amasomo yigishwa mu ishuri no mu bijyanye n'imibanire n'abandi; ndetse no Gutanga ubufasha bujyanye n'ibyo umunyeshuri n'umuryango bakeneye.

RESET igamije gushyiraho uburyo buhamye bushingiye ku Bufasha bugamije guhindura imyitwarire kugira ngo ibe myiza (PBIS) ndetse no ku Bufasha butandukanye buhabwa abanyeshuri bitewe n'ibyo bakeneye (MTSS). Ubu buryo bugamije guha abanyeshuri ubufasha bitewe n'ibyo buri umwe muri bo akeneye ku giti cye kugira ngo babashe gutsinda neza amasomo biga mu ishuri, bagaragaze imyitwarire myiza, kandi bagire uruhare mu gutuma ikigo cy'amashuri kirangwa n'indangagaciro nziza/aho buri wese yumva atekanye. RESET ijyanye n'imitekerereze igamije kurwanya akarengane no kwimakaza imyitwarire ikwiye ivugwa mu Mategako agenga imyitwarire yo mu Bigo by'amashuri ya Leta byo mu Ntara ya Fayette.

Hitezwe ko ishyirwa mu bikorwa rya RESET rizatuma ibi bikurikira bigerwaho:

- Gutsinda neza amasomo yigishwa mu ishuri: Abanyeshuri bazahabwa ubufasha mu masomo bigishwa mu ishuri bitewe n'aho babukeneye kugira ngo barusheho kuyatsinda neza kandi bazamure urwego rwabo.
- Gutuma imyitwarire irushaho kuba myiza: Abanyeshuri bazunguka ubumenyi bubafasha kugira imyitwarire myiza kandi bagaragaze imyitwarire ikwiye, bitume, yaba ku banyeshuri ubwabo no ku bandi, ishuri riba ahantu hafite umutekano kandi hafasha abanyeshuri kwiga neza.
- Ikigo cy'amashuri kirangwa n'indangagaciro nziza/aho buri wese yumva atekanye: RESET izagira uruhare mu gutuma ikigo cy'amashuri kirangwa n'indangagaciro nziza kandi buri wese akumva atekanye kuko izahindura imyitwarire, ari na yo ihindura uko ahantu hameze muri rusange.

RESET ni igihano cyo mu rwego rw'imyitwarire kandi Minisiteri y'Uburezi muri Kentucky ndetse n'Ibigo by'amashuri ya Leta byo mu Ntara ya Fayette biyifata nko kwirukana umunyeshuri mu ishuri (ni ukuvuga ko abuzwa gusubira mu ishuri). Kugira ngo umunyeshuri ashirwe muri RESET, agomba kuba yagaragaje imyitwarire runaka ikandikwa muri Infinite Campus, kandi RESET akaba ari yo yagaragajwe nk'iyatuma iyo myitwarire itongera ukundi.

Igihe umunyeshuri ahabwa uburezi bwihariye (SPED) cyangwa serivise ziteganywa n'Ingingo ya 504, itsinda rishinzwe SPED cyangwa serivise ziteganywa n'Ingingo ya 504, rigizwe n'abakozi bo mu ifasi y'amashuri na/cyangwa b'ikigo cy'amashuri, rigomba kugishwa inama mu gihe cy'isuzuma kandi rikagira uruhare, nk'uko bikwiye, mu bijyanye no kugena ubundi bufasha umunyeshuri akeneye.

Mu gihe umunyeshuri amara muri RESET, ni ngombwa ko ahabwa amahirwe yo gusubiramo amasomo yigishwa mu ishuri no kubana n'abandi. Ibyo bikaba bivuze ko hagomba gushyirwaho gahunda yihariye ye ku giti cye igamije gutuma atsinda neza amasomo yigishwa mu ishuri, ikamutegura gutangira ishuri rikuru n'akazi, ndetse ikamufasha no mu byo akeneye mu rwego rw'imibanire n'abandi n'amarangamutima. Byongeye kandi, hagomba gukorwa isuzuma ryimbitse ry'imyitwarire yatumye umunyeshuri ashirwa muri RESET, hagashyirwaho n'uburyo bwatekerejweho neza bugamije kwirinda ko imyitwarire nk'iyoyakongera ukundi.

Abarimu bo muri gahunda ya SAFE n'abakozi babihuguriwe babafasha na bo bo muri iyo gahunda, abayobozi, abajyanama, abajyanama bategura abanyeshuri kwinjira mu ishuri rikuru no mu kazi, abanyamwuga bashinzwe imibereho myiza y'abaturage, n'inzobere zishinzwe ubuzima bwo mu mutwe mu ifasi y'amashuri ni bo bantu bashinzwe gutanga ubufasha muri RESET. Abarimu baba bitezweho gufasha abanyeshuri kubona imfashanyigisho bakeneye no gukora ku buryo abo banyeshuri batanga imikoro barangije gukora igihe bari muri RESET, bitagize ingaruka mbi ku manota yabo.

Imiryango izamenyeshwa ko abana bayo bashyizwe muri RESET mu gihe kitarenze amasaha 24 icyemezo cyo kuyibashyiramo gishyizwe mu bikorwa, nk'uko biteganywa n'Amategako agenga imyitwarire y'abanyeshuri (Ingingo ya 5.02. Inyandiko

zimenyesha ko umunyeshuri yashyizwe mu cyumba cya I.S.S./RESET, Ingingo ya 6.01 Gukemura ikibazo mu buryo bukwiye (hadakurikijwe inzira zagenwe), n'Ingingo ya 6.02 Gukemura ikibazo mu buryo bukwiye (Guhagarika umunyeshuri)).

Tunejejwe no gutangira iki gikorwa cy'ingenzi cyo gushyira mu bikorwa RESET no gufasha abanyeshuri mu mitsindire yabo mu masomo bigishwa mu ishuri ndetse no bijyanye no kunguka ubumenyi bujyanye n'imibanire n'abandi n'amarangamutima. Twese hamwe, dushobora gutuma ishuri riba ryiza kandi rigafasha abanyeshuri bose kwiga neza.

Murakoze!

Dedeeh Newbern

Umuyobozi ushinze ubufasha buhabwa abanyeshuri

Ibigo by'amashuri ya Leta byo mu Ntara ya Fayette